

ITEKA RYA MINISITIRI N°02/2018 RYO KU WA 17/09/2018 RYEREKEYE IMYUKA IHUMANYA YOHEREZWA MU KIRERE

MINISTERIAL ORDER N°02/2018 OF 17/09/2018 RELATING TO AIR POLLUTANTS EMISSION

ARRETE MINISTERIEL N°02/2018 DU 17/09/2018 RELATIF A L'EMISSION DE POLLUANTS DE L'AIR

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES CONTENENTS

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka

Article 2: Scope of application

Article 2: Champ d'application

UMUTWE WA II: IYUBAHIRIZWA RY'URUGERO NTARENGWA RW'IMYUKA IHUMANYA YOHEREZWA MU KIRERE

CHAPTER II: REQUIREMENTS FOR COMPLIANCE WITH POLLUTANTS EMISSION LIMITS

CHAPITRE II: CONDITIONS DE RESPECT DES LIMITES D'EMISSION DE POLLUANTS

Ingingo ya 3: Amabwiriza y'ubuziranenge akurikizwa

Article 3: Applicable standards

Article 3: Normes applicables

Ingingo ya 4: Ibyo utunze cyangwa utwara ikinyabiziga gikoreshwa na moteri agomba kubahiriza

Article 4: Obligations of the owner or operator of a motor vehicle

Article 4: Obligations du propriétaire ou de l'opérateur d'un véhicule à moteur

Ingingo ya 5: Ibyo utunze cyangwa utwara imashini ikoresha ibikomoka kuri peterori agomba kubahiriza

Article 5: Obligations of the owner or operator of a machine using petroleum products

Article 5: Obligations du propriétaire ou de l'opérateur d'une machine utilisant des produits pétroliers

<u>Ingingo ya 6:</u> Ibisabwa ku ipikipiki itumizwa mu mahanga	<u>Article 6:</u> Requirements for a motorcycle to be imported	<u>Article 6:</u> Exigences pour une motocyclette à importer
<u>Ingingo ya 7:</u> Ubugenzuzi bw'ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri	<u>Article 7:</u> Inspection of motorised means of transport	<u>Article 7:</u> Inspection des moyens de transport motorisés
<u>UMUTWE WA III:</u> URUHUSHYA RWO KOHEREZA IMYUKA IHUMANYA MU KIRERE	<u>CHAPTER III:</u> AIR POLLUTANTS EMISSION PERMIT	<u>CHAPITRE III:</u> PERMIS D'EMISSION DE POLLUANTS ATMOSPHERIQUES
<u>Ingingo ya 8:</u> Inyandiko isaba uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere	<u>Article 8:</u> Application for air pollutants emission permit	<u>Article 8:</u> Demande d'un permis d'émissions de polluants atmosphériques
<u>Ingingo ya 9:</u> Amafaranga yo gusaba uruhushya	<u>Article 9:</u> Application fees for a permit	<u>Article 9:</u> Frais de demande d'un permis
<u>Ingingo ya 10:</u> Gusuzuma inyandiko isaba uruhushya	<u>Article 10:</u> Assessment of an application for a permit	<u>Article 10:</u> Evaluation d'une demande de permis
<u>Ingingo ya 11:</u> Ukora inyigo yimbitse	<u>Article 11:</u> Person to undertake further study	<u>Article 11:</u> Personne qui procède à l'étude approfondie
<u>Ingingo ya 12:</u> Uburyo bwo gutanga uruhushya	<u>Article 12:</u> Procedure for issuing a permit	<u>Article 12:</u> Procédure de délivrer un permis
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibyo uwahawe uruhushya agomba kubahiriza	<u>Article 13:</u> Obligations of a permit holder	<u>Article 13:</u> Obligations du titulaire d'un permis
<u>Ingingo ya 14:</u> Igihe uruhushya rumara	<u>Article 14:</u> Duration of the permit	<u>Article 14:</u> Durée du permis
<u>Ingingo ya 15:</u> Gutesha agaciro uruhushya	<u>Article 15:</u> Permit cancellation	<u>Article 15:</u> Annulation du permis

<u>Ingingo ya 16:</u> Imenyeshya ry'ihinduka rya nyir'igikoresho cyangwa ugikoresha	<u>Article 16:</u> Notification of the change of the owner or operator	<u>Article 16:</u> Notification du changement du propriétaire ou de l'opérateur
<u>Ingingo ya 17:</u> Ihinduka ry'igikorwa cy'igikoresho cyashyizweho	<u>Article 17:</u> Change of activity of the facility	<u>Article 17:</u> Changement d'activité de l'installation
<u>Ingingo ya 18:</u> Amafaranga atangwa mu kohereza imyuka ihumanya mu kirere	<u>Article 18:</u> Fees for air pollutants emission	<u>Article 18:</u> Frais d'émission de polluants atmosphériques
<u>UMUTWE WA IV:</u> KUMENYEKANISHA IBIKORWA BIHUMANYA IKIRERE NO KUJURIRIRA IRYO MENYESHA	<u>CHAPTER IV:</u> NOTIFICATION OF AIR POLLUTANTS ACTIVITIES AND APPEAL AGAINST NOTIFICATION	<u>CHAPITRE IV:</u> NOTIFICATION DES ACTIVITES POLLUANT L'AIR ET LES VOIES DE RECOURS CONTRE CETTE NOTIFICATION
<u>Ingingo ya 19:</u> Imenyeshya ry'ibikorwa bihumanya ikirere	<u>Article 19:</u> Notification of air polluting activities	<u>Article 19:</u> Notification des activités polluant l'air
<u>Ingingo ya 20:</u> Kujuririra imenyeshya	<u>Article 20:</u> Appeal against notification	<u>Article 20:</u> Recours contre une notification
<u>Ingingo ya 21:</u> Amafaranga y'ubujurire	<u>Article 21:</u> Appeal fees	<u>Article 21:</u> Frais de recours
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibikubiye mu bujurire bw'innyandiko imenyeshya ibikorwa bihumanya ikirere	<u>Article 22:</u> Content of the appeal against the notification of air polluting activities	<u>Article 22:</u> Contenu du recours contre la notification des activités polluant l'air
<u>UMUTWE WA V:</u> IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	<u>CHAPTER V:</u> ADMINISTRATIVE SANCTIONS	<u>CHAPITRE V:</u> SANCTIONS ADMINISTRATIVES
<u>Ingingo ya 23:</u> Kutubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge bw'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere	<u>Article 23:</u> Violation of air pollutants emission standards	<u>Article 23:</u> Violation des normes d'émission de polluants atmosphériques

<u>Ingingo ya 24:</u> Kutandikisha igikorwa gihumanya ikirere	<u>Article 24:</u> Non-registration of air polluting activity	<u>Article 24:</u> Non-enregistrement d'une activité polluant l'air
<u>Ingingo ya 25:</u> Kutubahiriza amabwiriza yo kubungabunga ubwiza bw'umwuka	<u>Article 25:</u> Violation of a compliance order on preservation of air quality	<u>Article 25:</u> Violation d'un ordre de conformité relatif à la préservation de la qualité de l'air
<u>Ingingo ya 26:</u> Kutubahiriza amabwiriza yo guhagarika ibikorwa	<u>Article 26:</u> Violation of an order to stop activities	<u>Article 26:</u> Violation d'un ordre d'arrêter les activités
<u>Ingingo ya 27:</u> Kutubahiriza amabwiriza yihutirwa	<u>Article 27:</u> Violation of an emergency order	<u>Article 27:</u> Violation d'un ordre d'urgence
<u>Ingingo ya 28:</u> Kubangamira ubugenzuzi	<u>Article 28:</u> Hindrance to inspection	<u>Article 28:</u> Entrave à l'inspection
<u>Ingingo ya 29:</u> Kutamenyekanisha iyoherezwa ry'imyuka ihumanya mu kirere ritagambiriwe cyangwa ridaturutse ku bushake	<u>Article 29:</u> Failure to report accidental or involuntary emission of air pollutant	<u>Article 29:</u> Défaut de déclarer des émissions accidentelles ou involontaires de polluants atmosphériques
<u>Ingingo ya 30:</u> Ibyemezo bigamije gusubiza mu buryo ibyangijwe	<u>Article 30:</u> Remedial measures	<u>Article 30:</u> Mesures correctives
<u>Ingingo ya 31:</u> Igihe cyo kwishyura amafaranga	<u>Article 31:</u> Payment period	<u>Article 31:</u> Période de paiement
<u>Ingingo ya 32:</u> Abafite ububasha bwo kwishyura amafaranga	<u>Article 32:</u> Authorities to impose payments	<u>Article 32:</u> Autorités qui imposent des paiements

**UMUTWE WA VI: INGINGO
Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

Ingingo ya 33: Amapikipiki ari mu Rwanda mu gihe iri teka ritangiye gukurikizwa

Ingingo ya 34: Agaciro k'uruhushya rwatanzwe

Ingingo 35: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 36: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND
FINAL PROVISIONS**

Article 33: Motorcycles already in Rwanda on the date of entry into force of this Order

Article 34: Validity of issued permit

Article 35: Repealing provision

Article 36: Commencement

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS
TRANSITOIRES ET FINALES**

Article 33: Motocyclettes déjà au Rwanda à la date d'entrée en vigueur du présent arrêté

Article 34: Validité du permis délivré

Article 35: Disposition abrogatoire

Article 36: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 02/2018 RYO KU WA 17/09/2018 RYEREKEYE IMYUKA IHUMANYA YOHEREZWA MU KIRERE

MINISTERIAL ORDER N° 02/2018 OF 17/09/2018 RELATING TO AIR POLLUTANTS EMISSION

ARRETE MINISTERIEL N° 02/2018 DU 17/09/2018 RELATIF A L'EMISSION DE POLLUANTS DE L'AIR

Minisitiri w'Ibidukikije;

The Minister of Environment;

Le Ministre de l'Environnement;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 18/2016 ryo ku wa 18/05/2016 rigenga uburyo bwo kubungabunga ubwiza bw'umwuka no gukumira ihumana ry'ikirere mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya 14, iya 21 n'iya 22;

Pursuant to Law n° 18/2016 of 18/05/2016 governing the preservation of air quality and prevention of air pollution in Rwanda, especially in Articles 9, 14, 21 and 22;

Vu la Loi n° 18/2016 du 18/05/2016 régissant la conservation de la qualité de l'air et la prévention de la pollution atmosphérique au Rwanda, spécialement en ses articles 9, 14, 21 et 22;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/07/2018 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/07/2018;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/07/2018;

ATEGETSE:

ORDERS:

ARRETE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena:

- 1° ibigomba kubahirizwa byerekeye iyoherezwa ry'imyuka ihumanya ikirere;
- 2° ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku kutubahiriza ibijyanye no kubungabunga ubwiza bw'umwuka no gukumira ihumana ry'ikirere mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka

Iri teka rireba ibi bikurikira:

- 1° ubwoko bwose bw'ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri birimo amapikipiki, imodoka, ubwato n'imashini zikoresha ibikomoka kuri peterori nk'isoko y'ingufu;
- 2° ibikorwa byemewe ariko bitubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge y'iyoherezwa mu kirere ry'imyuka ihumanya yemewe.

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Order

This Order determines:

- 1° requirements relating to air pollutants emission;
- 2° administrative sanctions for violations of provisions of the law governing the preservation of air quality and prevention of air pollution in Rwanda.

Article 2: Scope of application

This Order applies to the following:

- 1° all types of motorised means of transport including motorcycles, motor vehicles, motorised boats and machines using petroleum products as a source of energy;
- 2° permitted activities which do not comply with permissible air pollutants emission standards.

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine:

- 1° les conditions relatives à l'émission de polluants atmosphériques;
- 2° les sanctions administratives pour les violations des dispositions de la loi régissant la préservation de la qualité de l'air et la prévention de la pollution atmosphérique au Rwanda.

Article 2: Champ d'application

Le présent arrêté s'applique à ce qui suit:

- 1° tous les types de moyens de transport motorisés, y compris les motocyclettes, les véhicules automoteurs, les bateaux motorisés et les machines utilisant des produits pétroliers comme source d'énergie;
- 2° activités autorisées mais qui ne sont pas conformes aux normes d'émission de polluants atmosphériques admissibles.

**UMUTWE WA II: IYUBAHIRIZWA
RY'URUGERO NTARENGWA
RW'IMYUKA IHUMANYA
YOHEREZWA MU KIRERE**

**CHAPTER II: REQUIREMENTS FOR
COMPLIANCE WITH POLLUTANTS
EMISSION LIMITS**

**CHAPITRE II: CONDITIONS DE
RESPECT DES LIMITES D'EMISSION
DE POLLUANTS**

**Ingingo ya 3: Amabwiriza y'ubuziranenge
akurikizwa**

Amabwiriza y'ubuziranenge akurikizwa n'urugero ntarengwa rw'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere hakoreshejwe ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri n'imashini zikoresha ibikomoka kuri peterori ashyirwaho n'urwego rufite ubuzirange mu nshingano zarwo.

**Ingingo ya 4: Ibyo utunze cyangwa utwara
ikinyabiziga gikoreshwa na moteri agomba
kubahiriza**

Umuntu utunze cyangwa utwara ikinyabiziga gikoreshwa na moteri agomba gufata neza ikinyabiziga cye akurikije uburyo bwa tekini bwiza kugira ngo kitarenze urugero rwemewe rw'imyuka ihumanya cyohereza mu kirere.

Article 3: Applicable standards

Applicable standards on pollutants emission limits applicable to motorised means of transport and machines using petroleum products are established by the organ in charge of standards.

**Article 4: Obligations of the owner or
operator of a motor vehicle**

The owner or operator of a motor vehicle must maintain his or her motor vehicle in line with the best technical practices to keep it within the authorised air pollutants emission limit.

Article 3: Normes applicables

Les normes applicables sur les limites d'émission de polluants applicables aux moyens de transport motorisés et aux machines utilisant des produits pétroliers sont établies par l'organe ayant la normalisation dans ses attributions.

**Article 4: Obligations du propriétaire ou de
l'opérateur d'un véhicule à moteur**

Le propriétaire ou l'opérateur d'un véhicule à moteur doit l'entretenir selon les meilleures pratiques techniques pour le maintenir dans les limites d'émission de polluants atmosphériques autorisées.

Ingingo ya 5: Ibyo utunze cyangwa utwara imashini ikoresha ibikomoka kuri peterori agomba kubahiriza

Umuntu utunze cyangwa utwara imashini ikoresha n'ibikomoka kuri peterori agomba kwita kuri moteri y'imashini ye no kuyifata neza akurikije uburyo bwa tekini bwiza kugira ngo itarenze urugero rwemewe rw'imyuka ihumanya yohereza mu kirere.

Urwego rufite kurengera ibidukikije mu nshingano zarwo rukurikirana iyubahirizwa ry'ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 6: Ibisabwa ku ipikipiki itumizwa mu mahanga

Ipikipiki yose itumizwa mu mahanga izanywe mu Rwanda igomba kuba ari nshya.

Icyakora, bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, urwego rufite kurengera ibidukikije mu nshingano zarwo rubisabwe, rushobora kwemera itumizwa ry'ipikipiki itari nshya, iyo yakorewe gukoreshwa mu bya siporo cyangwa gukoreshwa n'abantu bafite ubumuga.

Article 5: Obligations of the owner or operator of a machine using petroleum products

The owner or operator of a machine using petroleum products must service the machine and maintain it in line with the best technical practices to keep it within the authorised air pollutants emissions limits.

The organ in charge of environment protection monitors the compliance with provisions of the Paragraph One of this Article.

Article 6: Requirements for a motorcycle to be imported

Every motorcycle imported in Rwanda must be brand new.

However, without prejudice to provisions of other laws, the organ in charge of environment protection may, upon request, authorise importation of second hand motorcycle if it is designed for sports or for persons with disabilities.

Article 5: Obligations du propriétaire ou de l'opérateur d'une machine utilisant des produits pétroliers

Le propriétaire ou l'opérateur d'une machine utilisant des produits pétroliers doit l'entretenir et la maintenir selon les meilleures techniques pratiques pour la maintenir dans les limites d'émissions des polluants atmosphériques autorisées.

L'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions surveille la conformité aux dispositions de l'alinéa premier du présent arrêté.

Article 6: Exigences pour une motocyclette à importer

Toute motocyclette importée au Rwanda doit être neuve.

Toutefois, sans préjudice des dispositions d'autres lois, l'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions peut, sur demande, autoriser l'importation d'une motocyclette d'occasion conçue pour le sport ou pour les personnes handicapées.

Nta muntu wemerewe kuzana mu Rwanda ipikipiki isohorera imyuka ahantu habiri, keretse ipikipiki igenewe gukoreshwa mu bya siporo.

No person is authorised to import two stroke motorcycle in Rwanda, except that designed for sports.

Aucune personne n'est autorisée à importer une motocyclette à deux temps au Rwanda, sauf celle conçue pour le sport.

Ingingo ya 7: Ubugenzuzi bw'ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri

Article 7: Inspection of motorised means of transport

Article 7: Inspection des moyens de transport motorisés

Urwego rushinzwe kugenzura ibinyabiziga bikoreshwa na moteri rugenzura ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri ku bijyanye n'imyuka ihumanya byohereza mu kirere.

The authority in charge of motor vehicle inspection inspects all motorised means of transport with regard to air pollutants emission.

L'autorité chargée de l'inspection des véhicules à moteur fait l'inspection de tous les moyens de transport motorisés en ce qui concerne l'émission de polluants atmosphériques.

UMUTWE WA III: URUHUSHYA RWO KOHEREZA IMYUKA IHUMANYA MU KIRERE

CHAPTER III: AIR POLLUTANTS EMISSION PERMIT

CHAPITRE III: PERMIS D'EMISSION DE POLLUANTS ATMOSPHERIQUES

Ingingo ya 8: Inyandiko isaba uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere

Article 8: Application for air pollutants emission permit

Article 8: Demande d'un permis d'émissions de polluants atmosphériques

Inyandiko isaba uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere igaragaza ibi bikurikira:

The application of air pollutants emission permit specifies the following:

La demande d'un permis d'émission de polluants atmosphériques spécifie ce qui suit:

1° umwirondoro w'usaba;

1° identification of the applicant;

1° l'identification du demandeur;

2° ibisobanuro ku gikorwa gihumanya ikirere mu magambo arambuye;

2° description of the air pollutant activity;

2° la description de l'activité pollutant l'air;

3° aho igikorwa gihumanya ikirere gisabirwa uruhushya kizakorerwa;

3° location of the air pollutant activity where the application applies;

3° l'emplacement de l'activité pollutant l'air visée par la demande;

4° ubwoko n'inkomoko by'ibihumanya;	4° type and origin of pollutants;	4° le type et l'origine des polluants;
5° impamvu zo kurenza urugero ntarengwa rw'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere;	5° reasons for exceeding air pollutants emission limits;	5° les motifs de dépassement des limites d'émissions de polluants atmosphériques;
6° ingano y'imyuka ihumanya iteganywa koherezwa mu kirere;	6° expected quantities of air pollutants emission;	6° les prévisions des quantités d'émission de polluants atmosphériques;
7° ingamba zafashwe mu rwego rwo kubika amakuru no gukurikirana uko imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere ingana;	7° measures put in place to record and monitor air pollutants emission quantities;	7° les mesures mises en place pour enregistrer et surveiller les quantités d'émission de polluants atmosphériques;
8° igihe uruhushya rwasabwe ruzamara;	8° period for which the permit is applied for;	8° la période pour laquelle le permis est demandé;
9° andi makuru ya ngombwa yatuma haba isesengura riboneye.	9° any other information considered necessary for appropriate assessment.	9° tout autre renseignement jugé nécessaire en vue d'une évaluation appropriée.

Ingingo ya 9: Amafaranga yo gusaba uruhushya

Umuntu usaba uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka yishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) adasubizwa mu kigeza gishinzwe ibidukikije n'imihindagurikire y'ikirere.

Article 9: Application fees for a permit

A person applying for air pollutants emission permit in accordance with the provisions of this Order pays fifty thousand Rwandan Francs (50,000 FRW) non refundable to the fund in charge of environment and climate change.

Article 9: Frais de demande d'un permis

Une personne qui demande un permis d'émission de polluants atmosphériques conformément aux dispositions du présent arrêté verse cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) non remboursables au fonds chargé de l'environnement et du changement climatique.

Ingingo ya 10: Gusuzuma inyandiko isaba uruhushya

Mu kwemeza niba uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere rwatangwa cyangwa rutatangwa, urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo rugomba kureba:

- 1° raporo y'isuzuma ry'ingaruka ku bidukikije cyangwa y'ubugenzuzi bw'ibidukikije byakozwe;
- 2° amabwiriza y'ubuziranenge bw'umwuka wo mu kirere udukikije akurikizwa;
- 3° ingaruka z'uruhurirane ku bidukikije zishobora gukomoka ku itangwa ry'urwo ruhushya;
- 4° niba uburyo bw'imigirire myiza kurusha iyindi buteganyijwe bwubahirijwe.

Urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo rushobora gusaba ko hakorwa inyigo yimbitse mbere y'uko hafatwa icyemezo cya nyuma kirebana n'isabwa ry'uruhushya.

Article 10: Assessment of an application for a permit

In order to determine whether or not to issue an air pollutants emission permit, the organ in charge of environment protection must:

- 1° refer to the report of environmental impact assessment or environmental audit conducted;
- 2° refer to the applicable ambient air quality standards;
- 3° consider the cumulative effect on the environment likely to result from any such grant;
- 4° ensure that the prescribed best practicable option is adopted.

The organ in charge of environment protection may require a further study before a final decision on the permit application is made.

Article 10: Evaluation d'une demande de permis

Pour déterminer s'il faut délivrer ou ne pas délivrer un permis d'émission de polluants atmosphériques, l'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions doit:

- 1° se référer au rapport d'évaluation d'impact environnemental ou d'audit environnemental effectué;
- 2° se référer aux normes de qualité de l'air ambiant applicables;
- 3° examiner l'effet cumulatif sur l'environnement susceptible de résulter d'un tel octroi;
- 4° s'assurer que la meilleure option prescrite possible est adoptée.

L'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions peut, le cas échéant, exiger une étude approfondie avant de prendre une décision finale sur la demande de permis.

Ingingo ya 11: Ukora inyigo yimbitse

Usaba uruhushya ashiraho umuntu cyangwa urwego rwigenga kugira ngo rukore inyigo yimbitse akaba ari na we ibyishyura.

Article 11: Person to undertake further study

The applicant of a permit hires a person or independent organ to undertake further study at the expense of the applicant.

Article 11: Personne qui procède à l'étude approfondie

Le demandeur d'un permis engage une personne ou un organe indépendant pour procéder à l'étude approfondie sur les frais du demandeur.

Ingingo ya 12: Uburyo bwo gutanga uruhushya

Urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo rusubiza uwasabye uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri (20), ibarwa uherye ku itariki yasabiyeho uruhushya.

Article 12: Procedure for issuing a permit

The organ in charge of environment protection, upon receiving the application for air pollutants emission permit, replies to the applicant within twenty (20) days from the date of the request.

Article 12: Procédure de délivrer un permis

L'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions, à la réception de la demande d'un permis d'émission de polluants de l'air, répond au demandeur endéans vingt (20) jours à compter de la date de la demande.

Iyo hakenewe iminsi yo gusesengura inyandiko isaba uruhushya irenze ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo rumenyeshya uwasabye uruhushya igihe bizamara.

In case additional time to days prescribed in Paragraph One of this Article for analysis of the application is required, the organ in charge of environment protection notifies the applicant the expected time it will take.

S'il faut du temps additionnel aux jours prescrits à l'alinéa premier du présent article en vue d'analyser la demande, l'organe ayant la protection de l'environnement notifie au demandeur le délai qu'il faudra.

Urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo rutanga uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere mu nyandiko igaragaraza ibisabwa mu gukoresha uruhushya, kandi uwarusabye akarushyiraho umukono nk'amasezerano yo gukurikiza ibisabwa.

The organ in charge of environment protection issues the air pollutants emission permit in writing which indicates the conditions of use of the permit, and the applicant countersigns it as an agreement to the imposed conditions.

L'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions délivre par écrit le permis d'émission de polluants atmosphériques qui indique les conditions d'utilisation du permis, et le demandeur le contresigne comme un accord aux conditions imposées.

Ingingo ya 13: Ibyo uwahawe uruhushya agomba kubahiriza

Uwahawe uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere agomba kubahiriza ibi bikurikira:

- 1° guhora akurikirana uko kohereza imyuka ihumanya mu kirere bikorwa n'izindi ngamba zo kugumana ubwiza bw'umwuka n'izituma umwuka udukikije urushaho kuba mwiza, igihe ari ngombwa;
- 2° gutegura raporo yerekana uko igikorwa cyerekeranye n'imyuka ihumanya ikirere cyubahiriza ibisabwa no kuyimenyeshya mu buryo bw'ingarukagihe urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo;
- 3° kubahiriza ibisabwa byose bikubiye mu ruhushya.

Ingingo ya 14: Igihe uruhushya rumara

Uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere rumara igihe kitarenze imyaka ibiri (2) ibarwa uherye ku itariki rwatanzweho kandi rushobora kongerwa.

Article 13: Obligations of a permit holder

The air pollutants emission permit holder must fulfill the following obligations:

- 1° to conduct continuous monitoring of air pollutants emissions and other measures to maintain and if necessary, improve ambient air quality;
- 2° to draw up a report on compliance status of the air pollutant activity and periodically inform thereof the organ in charge of environment protection;
- 3° to comply with all conditions specified in the permit.

Article 14: Duration of the permit

The air pollutants emission permit is valid for a period not exceeding two (2) years from the date it is granted and may be renewed.

Article 13: Obligations du titulaire d'un permis

Le titulaire d'un permis d'émissions de polluants de l'air doit remplir les obligations suivantes:

- 1° surveiller en permanence les émissions de polluants atmosphériques ainsi que les autres mesures visant à maintenir et, si nécessaire, à améliorer la qualité de l'air ambiant;
- 2° établir un rapport sur l'état de conformité d'émission de polluants de l'activité et en informer périodiquement l'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions;
- 3° se conformer à toutes les conditions définies dans le permis.

Article 14: Durée du permis

Le permis d'émission de polluants atmosphériques est valable pour une période n'excédant pas deux (2) ans à compter de la date de son octroi et peut être renouvelé.

Ingingo ya 15: Gutesha agaciro uruhushya

Urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo rutesha agaciro uruhushya kubera impamvu zikurikira:

- 1 ° igikoresho kitubahirije ibyasabwe birebana n'ikoreshwa ry'uruhushya;
- 2 ° igikoresho cyashyizweho cyimukiye ahandi.

Ingingo ya 16: Imenyeshya ry'ihinduka rya nyir'igikoresho cyangwa ugikoresha

Nyir'igikoresho cyangwa ugikoresha ufite uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere amenyeshya mu nyandiko urwego rushinzwe kubungabunga ibidukikije amazina ya nyir'igikoresho mushya cyangwa ugikoresha mushya n'aho abarizwa, mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira ihinduka rya nyir'igikoresho cyangwa ugikoresha.

Inyandiko imenyeshya igomba kuba iherekejwe n'inyandiko igaragaza ko nyir'igikoresho cyangwa ugikoresha mushya yiyemeje kubahiriza ibisabwa biteganyijwe mu ruhushya rusanze rwo kohereza imyuka ihumanya mu kirere. Kopi

Article 15: Permit cancellation

The organ in charge of environment protection cancels the permit for the following reasons:

- 1 ° the facility fails to comply with terms of use of the air pollutants emission permit;
- 2 ° the facility changes location.

Article 16: Notification of the change of the owner or operator

The owner or operator holding an air pollutants emission permit notifies in writing the organ in charge of environment protection of the name and address of the new owner or operator within fifteen (15) days after the occurrence of change of the owner or the operator.

The notification must be accompanied by a written commitment of the new owner or operator to comply with terms of the existing air pollutants emission permit. A copy of a notification is sent to respective District authority.

Article 15: Annulation du permis

L'organe ayant la protection de l'environnement annule le permis pour des raisons suivantes:

- 1 ° l'installation ne se conforme pas aux termes d'utilisation du permis d'émissions de polluants atmosphériques.
- 2 ° l'installation change d'emplacement.

